w'igikorwa cy'imitunganyirize y'imijyi wemewe, kandi imirimo ntitangire uwo mushinga uraseswa. Icyakora, bisabwe na nyir'igikorwa kandi agaragaje impamvu zumvikana, icyo gihe gishobora kongererwa amezi atarenze atandatu (6) kugira ngo imirimo itangire.

has been approved shall be subject to termination if the works that will have not commenced after a period of two (2) years from the date of its approval. However, upon request of the promoter of the operation and on compelling grounds, this period shall be extended for six (6) months to allow the commencement of works.

sa date d'approbation, un projet d'opération d'urbanisme approuvé fait l'objet d'annulation si les travaux ne sont pas démarrés. Toutefois, ce délai peut, à la demande du promoteur de l'opération et avec des motifs convaincants, être prorogé de six (6) mois en vue du démarrage des travaux.

<u>Icyiciro cya 2</u>: Iyakirwa ry'imirimo

<u>Section 2:</u> Acceptance of works

<u>Section 2</u>: Réception des travaux

<u>Ingingo ya 69:</u> Iyakirwa ry'imirimo

Iyakirwa ry'imirimo y'imitunganyirize y'imijyi rikorwa hakurikijwe amasezerano abigenga.

<u>Article 69:</u> Acceptance of works

The acceptance of works shall be carried out in accordance with relevant contracts.

<u>Article 69:</u> Réception des travaux

La réception des travaux d'urbanisme se fait conformément aux contrats en la matière.

<u>Ingingo ya 70:</u> Inengwa ry'imirimo n'ikosorwa ry'ibyanenzwe

Inengwa ry'imirimo y'imitunganyirize y'imijyi n'ikosorwa ry'ibyanenzwe rikorwa hakurikijwe amasezerano abigenga.

<u>Article 70:</u> Making of remarks and remedies in response of remarks

The making of remarks and remedies in response of remarks shall be carried out in accordance with relevant contracts**.**

<u>Article 70:</u> Formulation des remarques et rectifications en réponses aux remarques

La formulation des remarques et les rectifications en réponses aux remarques se font conformément aux contrats en la matière.

<u>UMUTWE WA III:</u> INGINGO ZIHARIYE ZIREBA ISUBIRWAMO RY'INYUBAKO ZO MU MUJYI

<u>CHAPTER III:</u> PARTICULAR PROVISIONS APPLICABLE TO URBAN RENEWAL

<u>CHAPITRE III:</u> DISPOSITIONS PARTICULIERES A LA RENOVATION URBAINE

<u>Ingingo ya 71:</u> Ibyiciro by'inyubako

Iteka rya Minisitiri ufite imitunganyirize y'imijyi n'imyubakire mu nshingano ze

<u>Article 71:</u> Categories of buildings

An Order of the Minister in charge of urban planning and building shall determine

<u>Article 71:</u> Catégories des constructions

Un arrêté du Ministre ayant l'urbanisme et la construction dans ses attributions détermine

rishyiraho amabwiriza akubiyemo ibyiciro by'inyubako.

<u>Ingingo ya 72 :</u> Uburyo bwo kubona inyubako ziri ahagomba gusubirwamo

Mu rwego rw'isubirwamo ry'inyubako zo mu mujyi igihe nyir'inyubako iri mu gice kigomba gusubirwamo adashoboye kubahiriza amabwiriza ajyanye n'icyo gikorwa, uwatangije igikorwa, umutunganyantara wemerewe gukora icyo gikorwa cyangwa umuntu uwo ari wese ushoboye kubahiriza ayo mabwiriza, afite uburenganzira bwo kubona inyubako zubatse ahagomba gusubirwamo.

<u>Ingingo ya 73:</u> Ikorwa ry'urutonde rw'inyubako na ba nyirazo

Kuva ku munsi umushinga w'igishushanyo cy'isubirwamo ry'inyubako zo mu mujyi wemewe, ibiro by'Ikigo cy'u Rwanda gishinzwe guteza imbere imiturire mu Karere uwo mushinga uteganywa gukorerwamo bikora urutonde rw'inyubako ziri ahagomba gusubirwamo, urw'inyubako zigomba gusenywa n'urw'inyubako zigomba gusubizwa isura, hamwe n'urutonde rwa banyirazo.

Urwo rutonde rumanikwa ahabigenewe ku

instructions on the categorization of buildings.

<u>Article 72:</u> Acquisition of buildings located in the area to be renovated

As part of the urban building renewal, when the owner does not manage to conform to the instructions relating to this operation, the initiator, developer of this operation shall be the only one to be authorized to acquire buildings in the area subject to urban renewal.

<u>Article 73:</u> Drawing up of the list of buildings and their occupants

From the date of approval of the urban renewal plan, the office of the Rwanda Housing Authority in the District in which the execution of the project is scheduled, shall establish a list of buildings located in the area subject to urban renewal which need to be demolished and those that should be restored and a list of their owners.

Such a list shall be posted on the office of the

les instructions sur la catégorisation de bâtiments.

<u>Article 72:</u> Acquisition des immeubles situés dans le périmètre à rénover

Dans le cadre de la rénovation des constructions urbaines, lorsque le maître d'ouvrage ne parvient pas à se conformer aux instructions relatives à cette opération, l'initiateur, aménageur de l'opération de rénovation urbaine est seul habilité à procéder aux acquisitions d'immeubles compris dans le périmètre à rénover.

<u>Article 73:</u> Etablissement de la liste des bâtiments et de leurs occupants

A compter de la date d'approbation du plan de rénovation urbaine, le bureau de l'Office Rwandais pour la Promotion de l'Habitat dans le District dans lequel l'exécution du projet est prévue, dresse la liste des bâtiments situés dans les périmètres à rénover, celle des bâtiments qui doivent être démolis et celle de ceux qu'il convient de restaurer ainsi que la liste de leurs propriétaires.

Cette liste est affichée au bureau du District

Karere.

Nyir'imirimo nawe amanika urwo rutonde ahagiye gukorerwa uwo mushinga.

<u>Ingingo ya 74:</u> Indishyi z'iyimurwa

Abantu bafite impapurompamo cyangwa icyemezo cy'ubukode burambye gihamya ko ari ba nyir'inyubako ziri ku rutonde rw'abagomba kwimurwa bahabwa indishyi ikwiye hakurikijwe itegeko ryerekeye kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange.

<u>Ingingo ya 75:</u> Uruhushya rugomba gutangwa ku mirimo y'inyubako ndangamateka

Imirimo yo gusenya cyangwa yo gusubiramo no gusubiza isura inyubako zashyizwe mu nyubako ndangamateka, bigomba kubanza gutangirwa uruhushya na Minisitiri ufite imitunganyirize y'imijyi n'imyubakire mu nshingano ze amaze kumva icyo Minisitiri ufite inyubako ndangamateka mu nshingano ze abivugaho.

concerned District.

The owner shall also post such a list in a place in which the project shall be executed.

<u>Article 74:</u> Compensation for expropriation

Title deed or emphitheotic lease holders whose buildings are subject to expropriation shall be entitled to fair compensation in accordance with the law relating to expropriation in public interest.

<u>Article 75:</u> Prior authorization required for the execution of works on historic buildings

The demolition or renewal and refurbishment works on buildings classified as historical buildings shall be subject to prior authorization of the Minister in charge of urban planning and building after consultation with the Minister in charge of historical buildings.

dans un lieu approprié.

Le maître de l'ouvrage affiche également cette liste dans le lieu prévu pour l'exécution du projet.

<u>Article 74:</u> Indemnité d'expropriation

Les détenteurs de titres de propriété ou de bail emphithéotique dont les immeubles figurent sur la liste de ceux à être expropriés bénéficient d'une juste indemnité conformément à la loi relative à l'expropriation pour cause d'utilité publique.

<u>Article 75:</u> Autorisation préalable requise pour les travaux sur des monuments historiques

Les travaux de démolition ou de rénovation et de restauration immobilière à effectuer sur des immeubles classés monuments historiques sont obligatoirement soumis à autorisation préalable du Ministre ayant l'urbanisme et la construction dans ses attributions après avis du Ministre ayant les monuments historiques dans ses attributions.

Ingingo ya 76: Uruhushya rutangwa ku mirimo yo gusubiramo inyubako zigenewe inzibutso n'amarimbi ya jenoside

Mbere yo gukora imirimo yo gusubiramo inyubako zigenewe ahantu hari cyangwa hashyirwa inzibutso n'amarimbi ya jenoside yakorewe abatutsi n'izindi nzibutso za jenoside zakorewe ahandi zaba ziri mu gihugu, hasabwa uruhushya rutangwa na Minisitiri ufite imitunganyirize y'imijyi n'imyubakire mu nshingano ze amaze kumva icyo Minisitiri ufite inzibutso mu nshingano ze abivugaho.

Ingingo ya 77: Kubuzwa uburenganzira bwo gusubira mu bibanza

Mu rwego rw'imitunganyirize y'imijyi, iyo abantu bimuwe ku mpamvu zijyanye no gusubiza isura inyubako zo mu mujyi kandi bikozwe hakurikijwe itegeko ryerekeye kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange, ibiro by' Ikigo cy'u Rwanda gishinzwe guteza imbere imiturire mu Karere iyo mirimo ikorerwamo gikurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'umushinga wahateganyirijwe kugira ngo ba nyir'inyubako badasubira aho bimuwe igihe uwo mushinga udatangiye.

Article 76: Prior authorization requirements for renewal of work on building serving as memorial sites and cemeteries of genocide

The execution of the renewal of works on buildings saving as memorial sites or cemeteries of victims of the genocide against the Tutsi and other memorials of the genocide perpetrated elsewhere that may be located within the country, shall be subject to prior authorization of the Minister in charge of urban planning and building after consultation with the Minister in charge of memorial sites.

Article 77: Restriction of the right to re-occupy the land

As part of urban planning, if there are persons expropriated for building refurbishment carried out in accordance with the Law relating to expropriation in public interest, the office of the Rwanda Housing Authority in the District where the works are to be executed shall follow up on the execution of the planned projects, so that the expropriated people do not resettle in the sites involved in the project.

Article 76: Autorisation préalable requise pour les travaux de rénovation des bâtiments servant de sites mémoriaux et les cimétières du génocide

La réalisation de tous les travaux de rénovation des bâtiments servant de sites mémoriaux ou des cimétières du génocide perpétré contre les Tutsi et d'autres sites mémoriaux du génocide perpétré ailleurs qui sont établis dans le pays, est obligatoirement soumise à l'autorisation préalable du Ministre ayant l'urbanisme et la construction dans ses attributions après avis du Ministre ayant les sites mémoriaux dans ses attributions.

Article 77: Restriction du droit de réoccupation des terrains

Dans le cadre de l'urbanisme, s'il y a des personnes expropriées en vue de la restauration immobilière réalisée conformément à la loi relative à l'expropriation pour cause d'utilité publique, le bureau de l'Office Rwandais pour la Promotion de l'Habitat dans le District du lieu d'exécution des travaux fait le suivi de l'exécution du projet ainsi planifié, afin que les personnes expropriées ne se réinstallent dans les sites concernés par le projet .

UMUTWE WA IV: GUSUBIZA ISURA INYUBAKO ZO MU MUJYI

Ingingo ya 78: Uruhushya rwo gusubiramo inyubako z'amateka n'ahantu nyaburanga

Gukora imirimo yo gusubiza isura inyubako ndangamateka n'ahantu nyaburanga, bisabirwa uruhushya rutangwa na Minisitiri ufite imitunganyirize y'imijyi n'imyubakire mu nshingano ze amaze kumva icyo Minisitiri ufite inyubako ndangamateka n'ahantu nyaburanga mu nshingano ze abivugaho.

Ingingo ya 79: Ikurikiranwa n'igenzura ry'ikorwa ry'imirimo yo gusubiza isura inyubako

Ikorwa ry'imirimo yo gusubiza isura inyubako rigomba kugenzurwa n'impuguke z'Ikigo cy'u Rwanda gishinzwe guteza imbere imiturire mu Karere imirimo ikorerwamo**.**

INTERURO YA VI: IBYIFASHISHWA MU IGENZURA RY'UBWUBATSI

UMUTWE WA MBERE: IMPAPURO Z'IGENZURA

CHAPTER IV: BUILDING REFURBISHMENT

Article 78: Authorization to execute works on historic sites and monuments

The execution of refurbishment works on historical sites and monuments shall be subject to the authorization of the Minister in charge of urban planning and building after consultation with the Minister in charge of historical sites and monuments.

Article 79: Follow up and supervision of building refurbishment

Building refurbishment works must be executed under the supervision of technicians of the Rwanda Housing Authority in the District in which works are carried out.

TITLE VI: DOCUMENTS FOR THE SUPERVISION OF BUILDING OPERATIONS

CHAPTER ONE: SUPERVISION DOCUMENTS

CHAPITRE IV: RESTAURATION IMMOBILIERE

Article 78: Autorisation préalable requise pour l'exécution des travaux de rénovation des monuments et sites historiques

La réalisation des travaux de restauration des monuments et sites historiques est soumise à l'autorisation du Ministre ayant l'urbanisme et la construction dans ses attributions après avis du Ministre ayant les monuments et les sites historiques dans ses attributions.

Article 79: Supervision et contrôle de l'exécution des travaux de restauration immobilière

Les travaux de restauration immobilière doivent être exécutés sous le contrôle des techniciens de l'Office Rwandais pour la Promotion de l'Habitat dans le District dans lequel les travaux sont exécutés.

TITRE VI: INSTRUMENTS DE CONTROLE DES OPERATIONS DE CONSTRUCTION

CHAPITRE PREMIER: DOCUMENTS DE CONTROLE

<u>Ingingo ya 80:</u> Impapuro z'igenzura

Igenzura ry'igikorwa cyo kubaka rikorwa hifashishijwe ibyangombwa bikurikira:

1° ifishi y'ubutaka;

2° amasezerano y'ubukode;

3° uruhushya rwo kubaka;

4° uruhushya rwo gutangira gukoresha inyubako icyo igenewe;

5° uruhushya rwo gusenya;

6° inyandiko y'ibigomba gukorerwa mu kibanza;

7° izindi nyandiko zateganywa n'amabwiriza agenga imitunganyirize y'imijyi n'imyubakire mu Rwanda.

<u>UMUTWE WA II:</u> AMASEZERANO Y'UBUKODE

<u>Ingingo ya 81:</u> Amasezerano y'ubukode nk'icyemezo cy'utunze ubutaka bwo mu mujyi

Uburenganzira bwo gutunga ubutaka mu mujyi, bukomorwa ku masezerano y'ubukode.

<u>Article 80:</u> Supervision documents

The supervision of building operations shall be carried out using the following documents:

1 º cadastral register;

2 º lease contract;

3 º building permit;

4 º occupancy permit;

5 º demolition permit;

6 º specifications;

7 º any other document that may be prescribed by the regulations governing urban planning and building in Rwanda.

<u>CHAPTER II:</u> LEASE CONTRACT

<u>Article 81:</u> Lease contract as certificate for urban land occupation

The occupation of land located in urban zones, shall be done under lease contract.

<u>Artile 80:</u> Documents de contrôle

Le contrôle de l'acte de construire se fait à l'aide des documents ci-après:

1 º la fiche cadastrale;

2 º le contrat de location;

3 º l'autorisation de bâtir;

4 º le permis d'occupation;

5 º le permis de démolir;

6 º le cahier des charges;

7 º tout autre document pouvant être prévu par les règlements régissant l'urbanisme et la construction au Rwanda.

<u>CHAPITRE II:</u> CONTRAT DE LOCATION

<u>Article 81:</u> Contrat de location comme titre d'occupation d'une terre urbaine

L'occupation des terres situées dans les zones urbaines, se fait en vertu d'un contrat de

Icyakora, ubutaka buri mu gice kigomba gukatwamo ibibanza, burimo ibibanza bigomba gusubirwamo cyangwa bigomba guhuzwa bikozwe n'ishyirahamwe ry'abahatunze ubwabo, nabwo bukorerwa amasezerano y'ubukode afite umwihariko ugenwa mu rwego rw'imirimo yo gutunganyiriza abantu ibibanza no kubibubakira.

<u>Ingingo ya 82:</u> Ibikubiye mu masezerano y'ubukode

Ibikubiye mu masezerano y'ubukode, uko ategurwa n'uko atangwa bigenwa n'iteka rya Minisitiri ufite ubutaka mu nshingano ze.

<u>UMUTWE WA III:</u> URUHUSHYA RWO KUBAKA

<u>Ingingo ya 83:</u> Ahasabirwa uruhushya rwo kubaka

Uruhushya rwo kubaka rusabirwa inyubako yose uretse:

1 º inyubako zitamara igihe aho zashyizwe, kandi zishobora kuhavanwa igihe icyo aricyo cyose nta ndishyi;

However, land located within a zone to be divided into plots, restructured or re-allocated by grouping of occupants themselves, shall also be covered by a lease contract in which the details shall be set within the framework of real estate development.

<u>Article 82:</u> Content of the lease contract

The content of the lease contract, modalities for its drafting and issuance shall be determined by an Order of the Minister in charge of lands.

<u>CHAPTER III:</u> BUILDING PERMIT

<u>Article 83:</u> Constructions requiring building permit

A building permit shall be required for all buildings except for the following:

1 º temporary buildings which may be removed at any time without compensation;

location.

Toutefois, les terres situées dans une zone à lotir, à restructurer ou à remembrer par le groupement des occupants eux-mêmes, sont couvertes également par un contrat de location dont les particularités sont fixées dans le cadre de la promotion immobilière.

<u>Article 82:</u> Teneur du contrat de location

La teneur du contrat de location, les modalités de son élaboration et celles de son octroi sont déterminées par arrêté du Ministre ayant les terres dans ses attributions.

<u>CHAPITRE III:</u> AUTORISATION DE BATIR

<u>Article 83:</u> Constructions exigeant l'autorisation de bâtir

La demande d'autorisation de bâtir est exigée pour toute construction à l'exception de celles qui suivent:

1 º constructions temporaires susceptibles d'être enlevées à tout moment sans indemnisation;

2 º inyubako zihariye zigenewe umutekano w'igihugu.

2 º specific buildings designed for national defense.

2 º les constructions spécifiques destinées à la défense nationale.

Ingingo ya 84: Inshingano yo kumenyekanisha imirimo isonewe uruhushya rwo kubaka

Nyir'imirimo agomba kumenyesha mu nyandiko Umuyobozi w'Akarere inyubako zisonewe uruhushya, uretse inyubako zivugwa mu gace ka 2^0 k'ingingo ya 83 y'iri tegeko.

Ubusonerwe ntibusonera nyir'imirimo kubahiriza amabwiriza y'Igihugu yerekeye imitunganyirize y'imijyi, imyubakire, umutekano n'isuku.

Ingingo ya 85: Uburyo uruhushya rwo kubaka rutangwa

Iteka rya Minisitiri ufite imitunganyirize y'imijyi n'imyubakire mu nshingano ze rishyiraho ibisabwa n'uburyo bukurikizwa mu gusaba no gutanga impushya zo kubaka.

Ingingo ya 86: Igenzura ry'imirimo y'ubwubatsi

Ikigo cy'u Rwanda gishinzwe guteza imbere imiturire, ni rwo rwego rushinzwe ubugenzuzi

Article 84: Obligation to declare exempted works for building permit

Buildings exempt from a building permit shall be subject to a written notification by the owner to the Mayor of the District, except for the buildings provided under sub-paragraph 2^0 of Article 83 of this Law.

The building permit exemption shall not exempt the owner from compliance with the regulations governing urban planning, building, security and hygiene.

Article 85: Procedure for granting building permit

An Order of the Minister in charge of urban planning and building shall determine conditions and procedure for demand and granting building permits.

Article 86: Supervision of building operations

The Rwanda Housing Authority shall be the organ responsible for the supervision of

Article 84: Obligation de déclaration des travaux exemptés d'autorisation de batir

Les constructions et travaux exemptés d'une autorisation de bâtir doivent faire l'objet d'une déclaration préalable écrite par le maître de l'ouvrage auprès du Maire du District, sauf pour les ouvrages visés au point 2^0 de l'article 83 de la présente loi.

L'exemption ne dispense pas le maître de l'ouvrage du respect des règles nationales d'urbanisme, de construction, de sécurité et d'hygiène.

Article 85: Procédure d'octroi de l'autorisation de bâtir

Un arrêté du Ministre ayant l'urbanisme et la construction dans ses attributions détermine les conditions et les procédures de demande et d'octroi des autorisations de bâtir.

Article 86: Surveillance des opérations de construction

L'Office Rwandais pour la Promotion de l'Habitat est responsable du contrôle des

bw'imirimo y'ubwubatsi mu gihugu.

building operations in the country.

opérations de construction sur toute l'étendue du territoire national.

UMUTWE WA IV: URUHUSHYA RWO GUKORESHA INYUBAKO

Ingingo ya 87: Uruhushya rwo gukoresha inyubako

Igihe inyubako yuzuye, nyir'imirimo ntashobora kuyikoresha atabiherewe uruhushya n'urwego rubifitiye ububasha.

Ingingo ya 88: Inyubako zidasabirwa uruhushya rwo gukoreshwa

Inyubako zivugwa mu ngingo ya 83 y'iri tegeko zisonerwa uruhushya rwo gukoresha.

UMUTWE WA V: URUHUSHYA RWO GUSENYA

Ingingo ya 89: Imirimo y'isenya

Imirimo y'isenya ikorwa igihe cyose hagaragaye impamvu zituma ikoreshwa ry'inyubako ridashoboka cyangwa ryatera ibibazo by'umutekano.

Izo mpamvu zigaragazwa mu nyandiko

CHAPTER IV: OCCUPANCY PERMIT

Article 87: Occupancy permit

When a building is completed, the owner shall not occupy it prior to obtaining an occupancy permit from the competent authority.

Article 88: Building exempted from occupancy permit requirements

The buildings referred to in Article 83 of this Law shall be exempt from the requirement of an occupancy permit.

CHAPTER V: DEMOLITION PERMIT

Article 89: Demolition works

The demolition works shall be carried out whenever there are grounds justifying that the use of a building is not possible or can constitute a security threat.

The reasons for demolition shall be indicated in

CHAPITRE IV: PERMIS D'OCCUPATION

Article 87: Permis d'occupation

Après l'achèvement des travaux, le maître d'ouvrage ne peut pas occuper ou exploiter une construction, s'il n'a pas obtenu de l'autorité compétente un permis d'occupation.

Article 88: Bâtiments exemptés de l'obligation d'un permis d'occupation

Les bâtiments visés à l'article 83 de la présente loi sont exemptés de l'obligation d'un permis d'occupation.

CHAPITRE V: PERMIS DE DÉMOLIR

Article 89: Travaux de démolition

Les travaux de démolition sont réalisés chaque fois qu'il existe des motifs portant à croire que l'usage d'un bâtiment est impossible ou peut constituer une menace à la sécurité.

Les motifs de démolition sont indiqués dans

yemejwe n'Ikigo cy'u Rwanda gishinzwe guteza imbere imiturire.

Igikorwa cyo gusenya inyubako ifatanye n'izindi gishobora guhungabanya gahunda isanzwe y'ibikorwa rusange cyangwa gishobora gutera impanuka, kigomba gukorwa n'inzobere kikishyurwa na nyir'inyubako.

INTERURO YA VII: INGINGO ZINYURANYE, IZ'INZIBACYUHO N'IZISOZA

Ingingo ya 90: Igaragazwa ry'amakosa ajyanye n'ibikorwa by'imitunganyirize y'imijyi n'imyubakire

Amakosa ajyanye n'ibikorwa by'imitunganyirize y'imijyi n'imyubakire agaragazwa mu nyandikomvugo ikorwa n'umukozi w'Ikigo cy'u Rwanda gishinzwe guteza imbere imiturire wahawe ububasha bw'umugenzacyaha na Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze.

Hifashishwa kandi amabwiriza agenga ibyiciro by'amakosa ajyanye n'ibikorwa by'imitunganyirize y'imijyi n'imyubakire ashyirwaho na Minisitiri ufite imitunganyirize y'imijyi n'imyubakire mu nshingano ze.

a written document approved by the Rwanda Housing Authority.

The demolition of an adjacent building likely to affect or disrupt the normal conduct of public activities or constitute a danger to the public shall be carried out by experts and paid by the owner.

TITLE VII: MISCELLANEOUS, TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS

Article 90: Revealing faults related to urban planning and building activities

Faults related to urban planning and building activities shall be revealed in an affidavit made by the staff member from the Rwanda Housing Authority with investigation powers granted by the Minister in charge of Justice.

Reference should also be made to the rules governing categories of faults related to urban planning and building activities established by the Minister in charge of urban planning and building.

un document écrit approuvé par l'Office Rwandais pour la Promotion de l'Habitat.

La démolition d'une construction adjacente susceptible d'affecter ou perturber le fonctionnement normal des activités publiques ou poser un danger public doit être réalisée par des experts et payée par le maître d'ouvrage.

TITRE VII: DISPOSITIONS DIVERSES, TRANSITOIRES ET FINALES

Article 90: Révélation des fautes relatives aux activités d'urbanisme et de construction

Les fautes relatives aux activités d'urbanisme et construction sont constatées dans un procès verbal de l'agent de l'Office Rwandais de l'Habitat ayant la qualité d'officier de police judiciaire conférée par le Ministre ayant la justice dans ses attributions.

Référence est aussi faite aux réglements régissant les types de fautes relatives aux activités d'urbanisme et de construction établies par le Ministre ayant l'urbanisme et la construction dans ses attributions.

Ingingo ya 91: Ihanwa ry'amakosa ajyanye n'ibikorwa by'imitunganyirize y'imijyi n'imyubakire

Haseguriwe ibiteganywa n'igitabo cy'amategeko ahana, umuntu wese ukoze imirimo y'imyubakire nta ruhushya yahawe nk'uko biteganywa n'iri tegeko, ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi mirongo itanu (50.000Frw) kugeza kuri miliyoni imwe (1.000.000Frw) iyo ibyo bikorwa bikozwe byerekeye inyubako yo guturamo.

Umuntu wese ukoze ibikorwa bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ku nyubako itari iyo guturamo, inyubako rusange cyangwa inyubako yihariye bitewe n'ibikorwa byihariye bikorerwamo no ku bikorwa by'imitunganyirize y'imijyi, ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni ebyiri (2.000.000Frw) kugeza kuri miliyoni icumi (10.000.000Frw).

Ingingo ya 92: Igihe gitanzwe ngo ibishushanyombonera by'imitunganyirize y'ahantu n'imijyi bibe byakozwe

Uturere n'Umujyi wa Kigali bidafite ibishushanyombonera by'imitunganyirize

Article 91: Punishment of faults related to urban planning and building activities

Without prejudice to provisions provided by the penal code, any person who perfoms any building activities without authorization as provided for in this law shall be liable to an administrative fine of fifty thousand (50,000fr) to one million Rwandan francs (1,000,000frw).

Any person who performs any works referred to in paragraph One of this Article on a non-residential building, public building or specific building due to specific works performed therein as well as to urban planning operations, shall be liable to an administrative fine of two million (2,000,000Frw) to ten million (10,000,000 Frw) Rwandan francs.

Article 92: Deadline for the elaboration of land development and urban planning master plans

Districts and the City of Kigali which have no master plans for land management and urban

Article 91: Sanction des fautes relatives aux activités d'urbanisme et de construction

Sans préjudice de dispositions du code pénal, toute personne qui entreprend les activités de construction sans autorisation telle que prévue par la présente loi est passible d'une amende d'ordre administratif de cinquante mille (50.000frw) à un million de franc rwandais (1.000.000frw).

Toute personne qui entreprend des travaux visés dans le paragraphe premier du présent article sur le bâtiment non-résidentiel, bâtiment public ou spécifique à cause des activités y exercés et sur des opérations d'urbanisme spécifiques visant l'aménagement urbain est passible d'une amende d'ordre administratif de deux millions (2.000.000 Frw) à dix millions de francs Rwandais (10.000.000frw).

Article 92: Délai d'établissement des schémas directeurs d'aménagement et d'urbanisme

Les Districts et la Ville de Kigali non encore dotés de Schémas directeurs d'aménagement

y'ubutaka n'umujyi bihawe igihe kitarenze imyaka itatu (3) kuba bibifite, kuva umunsi iri tegeko ritangarijwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Ingingo ya 93: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko

Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Igifaransa, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

Ingingo ya 94: Ivanwaho ry'amategeko n'ingingo z'amategeko binyuranyije n'iri tegeko

Itegeko-teka n°4/81 ryo ku wa 29 Mutarama 1981 ryerekeye imitunganyirize y'imijyi n'ubutaka bw'Igihugu nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu n'Itegeko ry'umwami ryo kuwa 9 Kanama 1893 ryerekeye igurishwa n'ikodeshwa ry'ubutaka bwa Leta, n'ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho.

Ingingo ya 95: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

planning shall have three (3) years to have such plans from the date of publication of this Law in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Article 93: Drafting, consideration and adoption of this law

This Law was drafted in French, considered and adopted in Kinyarwanda.

Article 94: Repealing provisions

The Decree-Law n°4/81 of 29 January 1981 on urban and land use planning as modified and complemented to date and the Royal decree of 9 August 1893 on the sale and lease of State-owned property and all prior legal provisions inconsistent with this Law are repealed.

Article 95: Commencement

This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

et d'urbanisme, disposent d'un délai de trois (3) ans pour se doter de ce schéma, à compter de la date de publication de la présente loi au Journal Officiel de la Répubilque du Rwanda.

Article 93: Initiation, examen et adoption de la présente loi

La présente loi a été initiée en Français, examinée et adoptée en Kinyarwanda.

Article 94: Disposition abrogatoire

Le décret-loi n°4/81 du 29 janvier 1981 relatif à l'aménagement urbain et du territoire tel que modifié et complété à ce jour et le décret royal du 9 août 1893 relatif à la vente et location des biens domaniaux ainsi que toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogés.

Article 95: Entrée en vigueur

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, ku wa 02/05/2012

(sé)

KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)

Dr HABUMUREMYI Pierre Damien
Minisitiri w'Intebe

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika :

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Kigali, on 02/05/2012

(sé)

KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)

Dr HABUMUREMYI Pierre Damien
Prime Minister

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minister of Justice/ Attorney General

Kigali, le 02/05/2012

(sé)

KAGAME Paul
Président de la République

(sé)

Dr HABUMUREMYI Pierre Damien
Premier Ministre

Vu est scellé du Sceau de la République :

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

AMABWIRIZA YA PEREZIDA N°01/01 YO KUWA 28/05/2012 AKURAHO AMABWIRIZA YA PEREZIDA N° 404 YO KUWA 8/05/1974 YEREKEYE KURENGERA INYUNGU Z'ISANDUKU YA LETA MU GIHE CY'IHEREREKANYA RY'UMUTUNGO UTIMUKANWA

ISHAKIRO

Ingingo ya mbere: Ivanwaho ry'amabwiriza

Ingingo ya 2: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya mabwiriza

Ingingo ya 3: Igihe aya mabwiriza atangira gukurikizwa

PRESIDENTIAL INSTRUCTIONS N°01/01 OF 28/05/2012 REPEALING THE PRESIDENTIAL INSTRUCTIONS N° 404 OF 08/05/1974 RELATING TO THE CONSERVATION OF PUBLIC TREASURY INTEREST IN CASE OF TRANSFER OF IMMOVABLE PROPERTY

TABLE OF CONTENTS

Article One: Abrogation of instructions

Article 2: Repealing provision

Article 3: Commencement

INSTRUCTIONS PRESIDENTIELLES N°01/01 DU 28/05/2012 PORTANT ABROGATION DES INSTRUCTIONS PRESIDENTIELLES N° 404 DU 08/05/1974 RELATIVES A LA CONSERVATION DES INTERETS DU TRESOR PUBLIC EN CAS DE MUTATION IMMOBILIERE

TABLE DES MATIERES

Article premier : Abrogation des instructions

Article 2: Disposition abrogatoire

Article 3: Entrée en vigueur

AMABWIRIZA YA PEREZIDA N°01/01 YO KUWA 28/05/2012 AKURAHO AMABWIRIZA YA PEREZIDA N° 404 YO KUWA 8/05/1974 YEREKEYE KURENGERA INYUNGU Z'ISANDUKU YA LETA MU GIHE CY'IHEREREKANYA RY'UMUTUNGO UTIMUKANWA

Perezida wa Repubulika,

Amaze kubona ingamba zateguwe mu rwego rwo kurushaho gutera intambwe mu korohereza abacuruzi n'abashoramari mu Rwanda ;

Asubiye ku mabwiriza ya Perezida n° 404 yo kuwa 08/05/1974 yerekeranye no kurengera inyungu z'isanduku ya Leta mu gihe cy'ihererekanya ry'umutungo utimukanywa;

Inama y'Abaminisitiri yo kuwa 04/11/2011 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

ATANZE AMABWIRIZA AKURIKIRA:

PRESIDENTIAL INSTRUCTIONS N°01/01 OF 28/05/2012 REPEALING THE PRESIDENTIAL INSTRUCTIONS N° 404 OF 08/05/1974 RELATING TO THE CONSERVATION OF PUBLIC TREASURY INTEREST IN CASE OF TRANSFER OF IMMOVABLE PROPERTY

The President of the Republic,

Having considered the action plan for improving Doing Business in Rwanda ;

Having reviewed the Presidential instructions n° 404 of 08/05/1974 relating to the conservation of public treasury interest in case of transfer of immovable property;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 04/11/2011;

GIVES THE FOLLOWING INSTURUCTIONS:

INSTRUCTIONS PRESIDENTIELLES N°01/01 DU 28/05/2012 PORTANT ABROGATION DES INSTRUCTIONS PRESIDENTIELLES N° 404 DU 08/05/1974 RELATIVES A LA CONSERVATION DES INTERETS DU TRESOR PUBLIC

Le Président de la République,

Considérant le plan d'action pour l'amélioration du climat des affaires (doing business) au Rwanda ;

Revu les instructions présidentielles n° 404 du 08/05/1974 relatives à la conservation des intérêts du trésor public en cas de mutation immobilière;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 04/11/2011;

DONNE LES INSTRUCTIONS SUIVANTES:

<u>Ingingo ya mbere</u>: Ivanwaho ry'amabwiriza

Amabwiriza ya Perezida n° 404 yo kuwa 08/05/1974 yerekeranye no kurengera inyungu z'isanduku ya Leta mu gihe cy'ihererekanya ry'umutungo utimukanwa avanweho.

<u>Ingingo ya 2</u>: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya mabwiriza

Ingingo zose z'amabwiriza abanziriza aya kandi zinyuranyije nayo zivanyweho.

<u>Ingingo ya 3:</u> Igihe aya mabwiriza atangira gukurikizwa

Aya mabwiriza atangira gukurikizwa ku munsi atangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. Agaciro karyo gahera tariki ya 01/01/2012.

Kigali, kuwa 28/05/2012

<u>Article One:</u> Abrogation of Instructions

The Presidential Instructions n° 404 of 08/05/1974 relating to the conservation of public treasury interest in case of transfer of immovable property are hereby abrogated.

<u>Article 2:</u> Repealing provision

All prior provisions contrary to these instructions are hereby repealed.

<u>Article 3:</u> Commencement

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. It takes effect as of 01/01/2012.

Kigali, on 28/05/2012

<u>Article premier:</u> Abrogation des instructions

Les instructions présidentielles n° 404 du 8/05/1974 relatives à la conservation des intérêts du trésor public en cas de mutation immobilière sont abrogées.

<u>Article 2:</u> Disposition abrogatoire

Toutes les dispositions antérieures contraires aux présentes instructions sont abrogées.

<u>Article 3:</u> Entrée en vigueur

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda. Il sort ses effets à partir du 01/01/2012.

Kigali, le 28/05/2012

(sé)
KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)
KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)
KAGAME Paul
Président de la République

(sé)

Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Minisitiri w'Intebe

(sé)

Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Prime Minister

(sé)

Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Premier Ministre

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minister of Justice/Attorney General

Vu et scellé du Sceau de la République :

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux